# 304: Harihw Inshuti y'abana

1.

Harihw Inshuti y'abana Ihoraho mw ijuru, Ibakund' urukundo Rutagir' iherezo. Nubw'inshuti zo mw’isi Zaduhararuka, Inshuti yacu, Yesu, Ntiyaduhemukira.

2.

Kandi mw ijuru ry'Imana, Har' uburuhukiro Bw'abana bamukunda Bakambaz' Imana, Se Ahw abagenzi bato Bajya basohora; Baruhukir' iteka Mu mahor’ adashira.

3.

Nyir'urugo rwo mw ijuru N' Uwatubabarijwe. Ahamagar' abana Ngo binjire muri rwo.N’ urugo rwiza cyane Rw'amahoro masa; Kand' ibyishimo byaho Birut' iby'abo mw isi.

4.

Harihw amakamba yera Y'abana bakijijwe Bazaherwa mw ijuru Na Yesu bakoreye. Abamushimishije Bakunz’ izina rye, Azabagororera Ingororano nziza.

5.

Harihw indirimbo nziza Y'abana bakijijwe Bazaririmb' iteka,Basohoye mw ijuru:Ishim’ urukundo Uwabacunguye;Kand' abayiririmba Ntabwo bazacogora

6.

Hariho n'imyenda yera Y'abana bakijijwe N'impundu z'ibyishimo N'inanga z'izahabu.Abakunz' Umukiza Bazabigabirwa, Tukiriho dukunde Yes' urukundo rwinshi.

Visit us at indirimbo.com